# 106: Sinterw' isoni na Yesu

1. Sinterw' isoni na Yesu, Cyangw' iz'ishyaka rye, Naho zab' iz'Ijambo rye, Cyangw' Umusaraba. Ku Musaraba rwose ni ho naturiwe.

2. Umutwaro w'ibyaha byanjye. Nizeye, ndahumuka, mbon’ umucyo; Bituma mpora nezerewe.

3. Izina rya Yesu wanjye Ni ryo nishimira; Nzi kw atazanyihakana Kuko mwiringiye.

4. Ntabw' azivuguruz' ibyo Yansezeranije, Kukw icyo namubikije Azagikomeza.

5. No mw ijur' azanyemera, Nubwo nta cyo maze; Yerusalemu yaho, Azamp' icyicaro

Visit us at indirimbo.com